**TTB KIN 1283**

**TUMENYE BIBILIYA**

**IKIGANIRO: 1283**

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y'Imana nabane nawe. Kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Ubushize twatangiye kwigira hamwe igice cya 19 cy'Ibyahishuwe gitangira kivuga ku nirimbo ya Haleluya izaririmbwa n'abera bose bacunguwe mu gihe cy'amakuba akomeye bafatanyije n'Itorero hamwe n'abamarayika

Uyu munsi ndakubwira ibyerekeranye n'ubukwe bw'Umwana w'Intama n'Umugeni we n'umusangiro aba bombi bazagirana hano mu isi.

**kuko amateka yayo ari ay'ukuri no gukiranuka. Yaciriye ho iteka maraya uwo ukomeye, wononeshaga abari mu isi ubusambanyi bwe, kandi imuhoreye amaraso y'imbata zayo."**

**Barongera bati "Haleluya! Umwotsi we uhora ucumba iteka ryose."**

**Nuko ba bakuru makumyabiri na bane na bya bizima bine bikubita hasi, basenga Imana yicara kuri irya ntebe bati "Amen, Haleluya!" [Ibyahishuwe 19:2–4].**

*kuko amateka yayo ari ay'ukuri no gukiranuka. Yaciriye ho iteka maraya uwo ukomeye, wononeshaga abari mu isi ubusambanyi bwe, kandi imuhoreye amaraso y'imbata zayo." Barongera bati "Haleluya! Umwotsi we uhora ucumba iteka ryose." Nuko ba bakuru makumyabiri na bane na bya bizima bine bikubita hasi, basenga Imana yicara kuri irya ntebe bati "Amen, Haleluya!"*

Biratangaje kubona ko ku ndunduro y'ibihano byose, abazaba bari mu ijuru bazi ibiboneye kurusha wowe nanjye, bazabasha kuvuga ko Imana ica imanza z'ukuri kandi zikiranuka. Niba utekereza ko ibyo Imana ikora bidakiranuka, ikibazo ni *wowe,* ntabwo ari Imana iri mu makosa. Imitekerereze yawe hamwe n'iyanjye ntabwo byuzuye. Imana izakiranuka mu guhana mwaraya ukomeye twabonye. Ibi biratangaje kuko iyo dusoma ibyerekeye urubanza ruzaba kuri maraya ukomeye, uzahagararira itorero ry'ibinyoma rizanyura mu byago bikomeye, twabonye ko abami bo mu isi hamwe na Antikristo bazarimbura uyu maraya. Nyamara hano batubwira ko Imana ari

yo izahana uyu maraya ukomeye. Ngira ngo rero urabibona ko Imana ikoresha ibikoresho bitandukanye, izanakoresha Satani kugira ngo asohoze umugambi wayo. Abazaba bari mu ijuru bazavuga ngo, “amateka yayo ari ay'ukuri no gukiranuka,” kuko itorero ry’ibinyoma rizaba rikwiriye kurimbuka; kuko ryishe abantu benshi ribahoye Imana ari bo bana b’Imana.

Muri iyi mirongo twasomye tubona Itorero riri mu ijuru rivuga ngo, “Haleluya.” Abari mu Itorero bakabivugainshuro ebyiri. Kubera iki? Igihe itorero ry’ibinyoma rizaba rikiri mu isi na maraya ukomeye akaba akiri mu isi, ubukwe bw’Umwana w’Intama ntabwo buzigera bba mu ijur. Ku ikubitiro itorero ry’ibinyoma rizabanza rikurweho, maze ibi bitange inzira ku bukwe bw’Umwana w’Intama. Ntekereza ko ubukwe bw’Umwana w’Intama  buzaba mu ijuru wenda hagati mu gihe cy’amakuba akomeye azaba abera mu isi.

“Imuhoreye amaraso y'imbata zayo.” Ngira ngo urabibona ko abizera babujijwe kwikoherera. Ni ukuri ko bamwe muri twe bagerageza kubikora, ariko iyo tubikoze tuba dutandukiriye mu rugendo rwacu rwo kwizera. Mu Abaroma 12:19 Imana iratubwira ngo: “Bakundwa, ntimwihōranire ahubwo mureke Imana ihōreshe uburakari bwayo, kuko byanditswe ngo “Guhōra ni ukwanjye, ni jye uzītura, ni ko Uwiteka avuga.” Nshuti yanjye, Imana ni yo izaguhorera. Niba twarakomerekejwe kandi ni ko benshi muri twe byatugendekeye, akenshi dukenera kwihorera. Uko ni ko bikunze kugenda, kandi ni kamere ya kera ibidutera. Ariko dukwiriye kurekera Imana ikaduhorera. Imana ntiyakwemerera umuntu uwo ari we wese kubana n’icyaha kuko amaherezo iramuhana. Guhora ni ukwayo. Kandi izahana abantu bose bazashaka kuyigomekaho.

Abakuru makumyabiri na bane bazaririmba *Haleluya* ku nshuro yabo ya mbere. Aba bakuru bavugwa hano twizera ko ari abagize Torero (ibyo wabisoma mu Ibyahishuwe 4). Iyi ni inshuro ya nyuma aba bakuru berekanwa muri ubu buryo, noneho rero tubona umubare uhinduka ahubwo Itorero rikitwa Umugeni wa Kristo. Ijambo *Itorero* risobanura “abahamagawe.” Hano mu isi turi Itorero, abahamagawe, ariko nitumara kuva mu isi tuzaba Umugeni.

**Ijwi riva kuri iyo ntebe rivuga riti "Nimushime Imana yacu mwa mbata zayo mwese mwe, namwe abayubaha, aboroheje n'abakomeye!"**

**Numva ijwi risa n'iry'abantu benshi n'irisa n'iry'amazi menshi asuma, n'irisa n'iryo guhinda kw'inkuba gukomeye kwinshi rivuga riti "Haleluya! Kuko Umwami Imana yacu Ishoborabyose iri ku ngoma! [Ibyahishuwe 19:5–6].**

*Ijwi riva kuri iyo ntebe rivuga riti "Nimushime Imana yacu mwa mbata zayo mwese mwe, namwe abayubaha, aboroheje n'abakomeye!" Numva ijwi risa n'iry'abantu benshi n'irisa n'iry'amazi menshi asuma, n'irisa n'iryo guhinda kw'inkuba gukomeye kwinshi rivuga riti "Haleluya! Kuko Umwami Imana yacu Ishoborabyose iri ku ngoma!*

“Ijwi riva kuri iyo ntebe rivuga riti "Nimushime Imana yacu”.” Ndangira ngo umenye ko ijwi rihamagarira abera guhimbaza Imana rizaturuka ku ntebe y’Imana, kuko Umwami Yesu Kristo azaba ari kwitegura gutegeka isi. Iyi izaba ari indirimbo nyayo ya Haleluya kandi bizaba ari uguhimbaza nyakuru tubona mu Ijambo ry’Imana ryose uko ryakabaye. Ibi bidusubije inyuma ku isezerano Imana yagiranye na Dawidi aho yamubwiye ko ku ntebe ye hari uwo izakuza agategeka isi. Muri 2 Samweli 7:16 haravuga ngo: “Inzu yawe n'ubwami bwawe bizahoraho bidakuka iminsi yose kandi intebe y'ubwami bwawe izakomera iteka ryose.”

Ariko mbere yuko Kristo agaruka mu isi hazabaho ubukwe, kandi wowe nanjye nk’abizera nzi neza ko tuzabutaha.

## UMUGENI W’UMWANA W’INTAMA N’UBUKWE NO GUSANGIRA

**Tunezerwe twishime, tuyihimbaze, kuko ubukwe bw'Umwana w'Intama busohoye umugeni we akaba yiteguye,**

**kandi ahawe kwambara umwenda w'igitare mwiza, urabagirana utanduye." (Uwo mwenda w'igitare mwiza ni wo mirimo yo gukiranuka y'abera.) [Ibyahishuwe 19:7–8].**

*Tunezerwe twishime, tuyihimbaze, kuko ubukwe bw'Umwana w'Intama busohoye umugeni we akaba yiteguye, kandi ahawe kwambara umwenda w'igitare mwiza, urabagirana utanduye." (Uwo mwenda w'igitare mwiza ni wo mirimo yo gukiranuka y'abera.).*

Ibi bizaba ibihe byiza cyane abizera bazabamo. Itorero—ni ukuvuga, umubiri w’abizera uhereye ku munsi wa Pantekote kugeza igihe Itorero rizazamurirwa—bazerekanwa imbere ya Kristo nk’Umugeni witeguriwe ubukwe. Ubu bukwe buzabera mu ijuru, ni ukuvuga ibi turi kuvuga ni ibintu bizabera mu ijuru atari mu isi.

Mu Abefeso 5 intumwa Pawulo avuga ibyerekeranye n’imibanire y’umugabo n’umugore mu gihe bombi ari abizera. Hagati aho avuga abo bujujwe Umwuka Wera maze bakagira imibanire ishingiye kuri Mwuka Wera. Ntabwo habaho urugo rwa gikristo niba umugabo n’umugore

batujujwe Umwuka Wera. Mu by'ukuri, ntabwo nemera ko wamenye urukundo nyakuri keretse gusa abashakanye ari abizera. Ndangira ngo wumve inama za Pawulo yaravuze ngo: "Bagabo, mukunde abagore banyu nk'uko Kristo yakunze Itorero akaryitangira ngo aryeze, amaze kuryogesha amazi n'ijambo rye aryishyīre rifite ubwiza, ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikintu cyose gisa gityo, ahubwo ngo ribe iryera ridafite inenge." (Abefeso 5:25–27). Iyi ni ishusho y'imibanire hagati ya Kristo n'Itorero.

Turi mu isi irimo "imico mishya". Ibihe bishya turimo bishyize imbere cyane ibyerekeye igitsina. Uru rubyaro rushya ruzi byinshi byerekeranye n'igitsina. Umunsi umwe hari umusore n'inkumi nigeze kwitegereza maze numva ngize agahinda. Bariho bamburana ubusa, nk'aho ntacyo bibatwaye, kandi bari mu bantu benshi. Nuko ndatekereza nti. *Buriya se koko ni iki bazi ku birebana n'urukundo? Kubera iki, kuko nta na kimwe bazi ku bijyanye n'uko umugabo akwiriye gukunda umugore n'umugore akwiriye gukunda umugabo*. Mfite ubwoba kuko hariho abakristo benshi batazi urukundo icyo ari cyo. Bagabo, mbese muribuka umunsi wa mbere mwarebaga abagore banyu? Muribuka igihe mwahuzwaga n'ubukwe maze bakaba abanyu? Mbese ntibyari umunezero mwinshi kuri mwebwe? Bagore, mbese muribuka inshuro ya mbere warebega ku basore banyu badashamashe mwashakanye nabo maze mukabona ari beza cyane mu maso yanyu? Igihe babashyiraga amaboko ku ntugu mwumvaga atari byiza cyane? Ni uko rero mu Abefeso 5:25–27 tuhabona ishusho y'ukuntu Kristo azatwiyegereza, akatweza kandi akadutunganya. Wa mukobwa we nawe wa musore we, iyi ni yo mpamvu muri iki gihe cy'imico "mishya" ukwiriye kugira ubukwe bwejejwe. Imana ibabarire bamwe muri mwebwe baca inyuma abo bashakanye.

"Kuko ubukwe bw'Umwana w'Intama busohoye." Ubukwe ni ishusho nziza cyane y'ubumwe bwa Kristo n'Itorero. Nshuti yanjye, ndagira ngo umenye ko hano abera bo mu isezerano rya kera batabarirwamo—ahubwo ni abera bo mu gihe cy'Itorero bavugwamo gusa. Yewe, na Yohana Umubatiza wenyine yivugiye ko ari inshuti y'Umukwe. Aho yavuze ngo, "Uwo umugeni asanga ni we mukwe …" (Yohana 3:29). Umugeni afite umwanya wihariye mu busabane bwe na Kristo. Ngira ngo rero urabibona ko Kristo yakunze Itorero rye akaryitangira. Ndangira ngo wiuke ibyo yavuze mu isegesho rye nk'Umutambyi Mukuru, yaravuze ngo: "Jyewe mbe muri bo nawe ube muri jye, ngo babe umwe rwose, ngo ab'isi bamenye ko ari wowe wantumye, ukababakunda nk'uko wankunze. "Data, abo wampaye ndashaka ko aho ndi na bo

bahabana nanjye, ngo babone ubwiza bwanjye wampaye, kuko wankunze isi itararemwa. Data ukiranuka, ab'isi ntibakumenye ariko jyewe narakumenye, n'aba na bo bamenye ko ari wowe wantumye. Nabamenyesheje izina ryawe kandi nzaribamenyesha, ngo urukundo wankunze rube muri bo, nanjye mbe muri bo." (Yohana 17:23–26).

Ikintu cyiza cyane ni uko *tuzamenya* Kristo—tuzamumenya neza—ku nshuro ya mbere.

"Uwo mwenda w'igitare mwiza ni wo mirimo yo gukiranuka y'abera." Umwenda w'Itorero w'ubukwe ni *imirimo* yo gukiranuka y'abera. Iri ni ijambo rikomeye ryo kwemera, kuko bidashoboka ko duhagarara imbere ya Kristo ku bwo gukiranuka kwacu. Pawulo yatwandikiye ngo: "kandi mboneke ko ndi muri we ntafite gukiranuka kwanjye kuva mu mategeko, ahubwo mfite ukuzanwa no kwizera Kristo, ari ko gukiranuka kuva ku Mana guheshwa no kwizera" (Abafilipi 3:9). Ngira ngo urabona ko twiringira Kristo ku bwo kwizera—ntabwo ari uko twababariwe ibyaha gusa ahubwo no kuba duhagarara mu gukiranuka kwe. None se kuki Yohana yavuze ko umwenda w'ubukwe ari *imirimo* yo gukiranuka y'Abera? Ni uko umwambaro w'ubukwe uzakoreshwa rimwe gusa, ariko ubundi tuzambara gukiranuka kwa Kristo iteka ryose. Twebwe abizera tuzahagarara imbere y'intebe y'imanza ya Kristo, atari ukubera ibyaha byacu twababariwe ubwo twahabwaga agakiza, ahubwo tuzahahagarara kugira ngo duhembwe. Mu gihe kirekire abizera babayeho mu isi bakoze imirimo yo gukiranuka ari yo izarimbisha umwambaro w'ubukwe. None se nshuti yanjye ni iki uri gukora kugira ngo urimbishe umwambaro wawe w'ubukwe? Ni iki uri gukorera Umwami wawe uyu munsi?

Nanone reka nongere ngaruke ku magambo yavuzwe na Pawulo aho yagize ati: "Ariko umuntu niyubaka kuri urwo rufatiro izahabu cyangwa ifeza, cyangwa amabuye y'igiciro cyinshi cyangwa ibiti, cyangwa ibyatsi cyangwa ibikenyeri, umurimo w'umuntu wese uzerekanwa. Urya munsi ni wo uzawerekana kuko uzahishuzwa umuriro, akaba ari wo kandi uzagerageza umurimo w'umuntu wese. Umurimo w'umuntu, uwo yubatse kuri urwo rufatiro nugumaho azahabwa ingororano" (1 Abakorinto 3:12–14). Izahabu, ifeza n'amabuye y'igiciro cyinshi umuriro ntacyo uzabitwara; ibiti, ibyatsi cyangwa ibikenyeri byo bizashya bikongoke. Ni ukorer imirimo myiza ni umwambaro w'ubukwe w'Itorero. "kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo." (Abefeso 2:10).

Nyuma y’ubukwe, umwambaro w’ubukwe uzashyirwa ku ruhande. Twamaze kubona ko abakuru bazashyira amakamba yabo ku birenge by’Umwana w’Intama, maze bahamye ko Kristo ari we wenyine ukwiriye. Itorero rizahishura ubwiza bwa Kristo: “kugira ngo mu bihe bizaza izerekane ubutunzi bw'ubuntu bwayo buhebuje byose, itugirira neza muri Kristo Yesu.” (Abefeso 2:7). Twese tuzerekanwa—niba wanyemerera hano navuga ko abanyabyaha bazakizwa ikuzimu, bakazaba kuri iyi nshuro bari mu ijuru. Nta burenganzira dufite bwo kujya mu ijuru, kandi ntituzagerayo keretse gusa twizeye Kristo kandi tugatsindishirizwa no gukiranuka kwe. Imibanire hagati ya Kristo n’Itorero ishingira ku rukundo, iratandukanye kandi irashimishije. Nta bindi biremwa bizishimira ibyo bihe byiza by’ubukwe bw’Umwana w’Intama.

**Arambwira ati "Andika uti 'Hahirwa abatorewe ubukwe bw'Umwana w'Intama.' " Kandi ati "Ayo ni amagambo y'ukuri kw'Imana."**

**Nikubitira hasi imbere y'ibirenge bye kumuramya, ariko arambwira ati "Reka! Ndi imbata mugenzi wawe, kandi ndi mugenzi wa bene So bafite guhamya kwa Yesu: Imana abe ari yo usenga. Kuko guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi." [Ibyahishuwe 19:9–10].**

*Arambwira ati "Andika uti 'Hahirwa abatorewe ubukwe bw'Umwana w'Intama.' " Kandi ati "Ayo ni amagambo y'ukuri kw'Imana." Nikubitira hasi imbere y'ibirenge bye kumuramya, ariko arambwira ati "Reka! Ndi imbata mugenzi wawe, kandi ndi mugenzi wa bene So bafite guhamya kwa Yesu: Imana abe ari yo usenga. Kuko guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi."*

Nshuti yanjye, ndagira ngo unyumve neza hano: ubukwe bw’Umwana w’Intama buzaba mu ijuru, ariko gusangira muri ubwo bukwe bizabera hano mu isi. Ishusho y’ibi iboneka muri Matayo 25:1–13, aho batubwira umugani w’abakobwa icumi. Ngira ngo urabona ko aba bakobwa atari abageni. Kristo afite umugeni umwe, uwo nta wundi ni Itorero. Umukwe azagaruka mu isi gusangira n’Umugeni we. Ntabwo azaza mu isi guca urubanza gusa ahubwo azaza aje no gusangira n’Umugeni we, uwo muhango ni nawo abo bakobwa icumi bavugwa muri Matayo 25 bazabasha kwitabira.

Iyindi shusho nk’iyi iboneka muri Zaburi 45. Muri iyi Zaburi Kristo aboneka nk’Umwami ugarutse mu isi. Ntabwo batubwira umugeni uwo ari we, ariko batubwiramo umwamikazi, kuko

havugwa ngo: “Mu bagore bawe b'icyubahiro harimo abakobwa b’abami, Iburyo bwawe hahagaze umwamikazi yambaye izahabu yavuye Ofiri” (Zaburi 45:10). Nizera ko iyi ari ishusho y’Itorero.

Abashyitsi bazaba mu musangiro wo muri ubwo bukwe: “Kandi umukobwa w'i Tiro azazana impano, Kandi abatunzi bo mu bantu bazagusaba kubahakirwa” (Zaburi 45:12). Umusangiro w’ubu bukwe uzabera mu isi. Abisraeli n’Abanyamahanga bazinjira mu gihe cy’imyaka igihumbi bombi bazaba abashyitsi muri uwo musangiro. Mu by’ukuri, umusangiro w’ubu bukwe ni nawo ngoma y’imyaka igihumbi. Uravuga ngo habaho umusaniro muremure—*Uyu musangiro* tubwirwa hano ni wo uzaba muremure kurusha iyindi yose! Ku mpera y’ingoma y’imyaka igihumbi, Itorero rizakomeza kuboneka nk’Umugeni wa Kristo. Tekereza nawe ukwezi kwa buki kuzamara imyaka igihumbi! Kandi ibyo bizaba ari intangiriro gusa. Mbega ibyishimo! Mbega umunezero! Ibi marayika azabihamiriza ikimenyetso cy’Imana: “Ayo ni amagambo y'ukuri kw'Imana.”

Nyuma yo kumera nk’umwanditsi w’ibyariho biba, Yohana yumvise yuzuye ashaka kuramya marayika wari umuzaniye ubutumwa. Ariko marayika uwo aramubuza. Kuko marayika ubwe ni ikiremwa. Kandi Imana yonyine ni yo tugomba kuramya. Mbega umuburo kuri Satani, Antikristo n’Umuhanuzi w’Ibinyoma bashaka ko tubaramya. Kandi hari n’abantu benshi cyane muri iki gihe bashaka ko abantu babaramya.

Nyuma y’ubukwe bukomeye bw’Umwana w’Intama buzabera mu ijuru, Kristo azahita agaruka mu isi. Nshuti yanjye, Umwami ari hafi kuza! Ariko ntazaza kugeza igihe Itorero rizavanwa mu isi no kugeza igihe isi izinjira mu gihe cy’ibyago bikomeye. Ni uko rero, igihe Kristo azaza mu isi, Umugeni we bazaba bari kumwe, kandi bazasangirira hamwe hano mu isi, nk’uko twamaze kubibona. Oh, nshuti yanjye, mbega umunsi mwiza cyane dutegereje! Iyaba byashobokaga ngo dukure amaso yacu ku bidafite umumaro by’iy’isi maze ngo dutumbire iby’iteka ryose!

**Incamake**

Igihe cy’amakuba akomeye nikigera hagati, mu ijuru hazaba ubukwe bw’Umugeni ari we Torero n’Umwana w’Intama ari we Kristo maze umusangiro w’aba bombi uzabere mu isi mu gihe cy’ingoma y’imyaka igihumbi Kristo azashinga mu isi.

**Isengesho**

*Uwiteka Mana uri mwiza kandi urahambaye. Nubwo mu isi duhura n'ibyago bikatubabaza umutima, dufite ibyiringiro ko tuzayivamo maze tukimana nawe ibihe bidashira. Ugirire neza utarinjira mu munezero w'agakiza kawe kugira ngo ibyiza nk'ibyo bidutegereje atazabihomba. Mbisabye nizeye mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo, amen!*

Urakoze gutega amatwi ikiganiro cy'uyu munsi, ubutaha ningaruka nzakubwira ibyerekeranye kugaruka kwa Kristo mu isi n'uko intambara ya Armagedoni izarangira.

Zirikana aya magambo Umwami yavuze, agira ati; "dore ndaza vuba. Hahirwa uwitondera amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo"